

**IBIGOMBA KUBAHIRIZWA MU KOHEREZA HANZE INYAMA MBISI ZITURUTSE MU RWANDA**

Abashaka kohereza hanze inyama mbisi ziturutse mu Rwanda bagomba kubahiriza ibi bikurikira:

Ni ngombwa mbere ya byose ko, buri muntu wese ushaka kohereza inyama hanze y'u Rwanda aba afite *uruhushya rwanitse* rutangwa n'Ubuyobozi bw'inzego z'imirimo y'Ubuwuzi bw'amatungo bw'Igihugu agiye koherezamo izo nyama rumwemerera kuzinjiza (import permit). Muri urwo ruhushya niho hagaragara ibyo inyama zigomba kuba zujuje mbere yuko zinjira muri icyo gihugu. Ibyo bisabwa kuzuzwa, ni ibiba byerekeranye no kurengera ubuzima bw'amatungo, ubw'abantu ndetse n'ibidukikije.

Inzira umuntu anyuramo kugirango ahabwe icyemezo cyo kohereza inyama hanze y'u Rwanda muri make ni izi zikurikira:

1. Gusaba mu nyandiko k'Ubuyobozi bw'Urwego rufite mu nshingano Ubugenzuzi no Gutanga Iyangombwa ku Matungo n'Ibyakomokaho. Ibaruwa isaba igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira:
  - Amazina y'usaba
  - Izina rya sosiyeti y'ubucuruzi
  - Aderesi z'uwohereza inyama
  - Ubwoko bw'inyama zigiye koherezwa n'ingano yazo
  - Igihugu agiye kuzoherezamo na aderesi y'uzitumije
  - Uruhushya rumwemerera kuzinjiza yahawe n'igihugu zizajyamo

**PROCEDURES FOR THE EXPORT OF FRESH MEAT FROM RWANDA**

The procedures to be followed regarding the export of meat are as follows:

It is necessary for the exporter to obtain *written permission* from the veterinary authorities of the country of destination for the import of meat. This permission is usually granted in the form of an import permit. On this permit the conditions under which the meat will be allowed entry into the country are specified. These usually comprise animal health, public health and environmental protection specifications.

The steps needed to gain export approval (Veterinary Health Certificate) are summarized as follows:

1. **Submit a written application to the Authority having Livestock Inspection and Certification** in its responsibilities and supply the following information:
  - Name of applicant
  - Name of company
  - Postal and physical address of the exporter
  - Product to be exported and quantity
  - Country of destination and physical and postal address of the importer
  - Import permit

<p>2. Urwo rwego rumaze gusuzuma no kwemera ubwo busabe, rumenyeshya Services z'ubuvuzi bw'amatungo kugira ngo zifashe kandi zigenzure ibikorwa byose byerekeranye n'itunganywa ry'izo inyama.</p> <p>3. Inyama zoherezwa hanze zigomba kuva ku matungo yaturutse mu turere cyangwa uduce tw'Igihugu tutarangwamo indwara zandura ziri ku rutonde rw'umugereka w'itegeko N° 54/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigenga uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda cyangwa indi ndwara iyo ariyo yose mu gihe bisabwe n'igihugu inyama zijyamo.</p> <p>4. Ayo matungo agiye kubagwa azajya avanwa aho yororerwa agana mu ibagiro ryemewe, atwawe mu binyabiziga byubahirije umubare w'amatungo byemerewe gutwara, kandi aherekejwe n'ibyangombwa bitanzwe n'umuganga w'amatungo ubishinzwe w'aho ayo matungo aturuka. Ibyo byangombwa byerekwa umuganga w'amatungo ubishinzwe w'ibagiro ayo matungo agiye kubagirwamo.</p> <p>5. Ibagiro ritunganyirizwamo inyama zoherezwa hanze, rigomba kuba ryaremejwe nk'ibagiro ritunganyirizwamo inyama zoherezwa hanze n'Urwego rufite mu nshingano Ubugenzuzi no Gutanga Ibyangombwa ku Matungo n'Ibiyakomokaho ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuziranenge kandi iryo bagiro rigenzurwa, rikanakurikiranirwa hafi n'abakozi b'Urwego rufite mu nshingano gukurikirana ibagwa</p>	<p>2. After the authority has checked and approved the application, it will inform the veterinary services in order to assist and supervise all activities related to the meat preparation.</p> <p>3. Meat intended for export shall be obtained from animals that have come from areas or districts that are free from contagious diseases listed in the annex of the law N° 54/2008 of 10/09/2008 determining the prevention and fight against contagious diseases for domestic animals in Rwanda or any other disease as may be required by the importing country.</p> <p>4. Animals shall be transported from the farm to the Slaughterhouse in vehicles that comply with the national animal welfare standards determining the transport of animals and care and should be accompanied by movement permit issued by the Veterinary Officer responsible for the area where animals are coming from. The movement permit shall be presented to the veterinarian in charge of the slaughterhouse where meat will be prepared.</p> <p>5. The slaughterhouses where animal will be slaughtered shall be approved and designated as Export slaughterhouses by the Veterinary Authority having Livestock Inspection and Certification in its responsibilities in collaboration with the Bureau of Standards and are regularly supervised and inspected by veterinary services having supervision of slaughterhouse and meat preparation in their responsibilities.</p>
---	--

n'itunganywa ry'inyama.

Igihe ibagiye ryemejwe kuba ryategura inyama zoherezwa hanze, rishyirwa ku rutonde rw'amabagiye yemejwe nk'ategura inyama zoherezwa hanze, urwo rutonde rubikwa kandi rukavugururwa n' Urwego rufite mu nshingano Ubugenzuzi no Gutanga Ibyangombwa ku Matungo n'Ibiyakomokaho rufatanije n'inzego z'imirimo y'ubuvuzi bw'amatungo.

6. Abagenzuzi bo mu gihugu inyama zoherezwamo bashobora igihe cyose babishatse gusura amabagiye yo mu Rwanda kugirango barebe niba yujuje ibyo basaba. Ibagiye rigomba kugira gahunda y'isuku ihamye yanditse, ikurikizwa ikanashyirwa mubikorwa n'ubuyobozi bw'ibagiye, bikagenzurwa n'inzego z'imirimo y'ubuvuzi bw'amatungo.

7. Iyo amatungo amaze kwemererwa kwinjira mu ibagiye, ntahita abagwa, arakirwa, agashyirwa mu mwanya uteganijwe wo kuruhukiramo, uzitiye neza, urimo ibibumbiro aho ayo matungo ashobora kunywera amazi gusa, atagaburirwa. Amatungo aruhuka nibura amasaha 24 mbere yuko abagwa. Muri icyo gihe, umuganga w'amatungo ubishinzwe, arayakurikirana, akayasuzuma, areba niba nta bwandu cyangwa umunaniro afite mbere yo kuyemerera kubagwa. Iyo iryo suzuma rirangiye, umuganga w'ibagiye ubishinzwe, ashyira ibimenyetso biranga ku matungo yemerewe kubagwa, agatangira kubagwa

Once the slaughterhouse has been approved for export meat preparation, its name is placed on the list of approved export slaughterhouses, which is kept and updated by the Authority having Livestock Inspection and certification in its responsibilities in collaboration with the Veterinary Services.

6. Inspectors of the importing country may, from time to time, inspect the slaughterhouses in Rwanda, approved for export to that country, to verify compliance with their requirements. Good hygiene practices shall be implemented at any slaughterhouse wishing to export meat. These Good Hygiene Practices have to be implemented, checked, controlled and documented by the management of a slaughterhouse under direct supervision of Veterinary Services Authorities.

7. After animal has been approved for entry into the slaughterhouse, they must not be slaughtered immediately. Animals shall be rested and put on a water diet for at least 24 hours before slaughter. During this period the official veterinary inspector shall monitor and inspect the clinical health status of the animals and mark them before they are allowed to be slaughtered.

8. Iyo amatungo amaze kubagwa, inyama zapimwe kandi zemejwe ko ari nzima na muganga w'amatungo ubishinzwe, zihita zishyirwa mu cyumba gikonjesha ku bukonje buri hagati ya +4°C na +8°C mu gihe cy'amasaha atari hasi y'umunani (8) zimanitse kubyuma aho zumukira.

Iyo zimaze kumuka, zihita zipfunyikwa zigahabwa ibiziranga bigaragaza izina ry'uwohoreza hanze izo nyama n'izina ry'uwo azohereje iyo azwi, ibiro, izina ry'ibagiro n'umuji/aho rihereye, itariki zabagiweho, ubwoko bw'itungo inyama zikomokaho n'ikiranga.

Nyuma inyama zijyanwa mu cyumba gikonjesha ku bukonje bwo hejuru buri hagati ya -12°C na -18°C aho zimara nibura amasaha 24.

9. Ibyo iyo bimaze kurangira, nibwo inyama zishobora kuvanwa mu cyumba gikonjesha cy'ibagiro, zigapakirwa mu modoka yabugenewe yamaze gusuzumwa n'ababishizwe ko ifite aho gutwara inyama hafite ibipimo by'ubukonje buri hagati ya -1°C na -5°C. Imodoka ihita izijyana ku Kibuga cy'indege aho zihita zishyirwa mu cyumba gikonjesha cyabigenewe ku bukonje buri hagati ya -12°C na -18°C aho zigomba kumara nibura amasaha 24 mbere y'uko zipakirwa mu ndege, kugira ngo zisumwe bwa nyuma zinahabwe n'icyemezo cyiziherekeza.

8. Fresh meat from the slaughter which was inspected and approved for human consumption by the official veterinary inspector, shall be cut into quarters and kept in the cold room at a temperature between +4°C and 8°C. The quarters will be hang on hooks suspended from the metallic railing for at least 8 hours where the meat will mature and ooze.

After oozing the meat will be packed and labeled with the following instructions: exporter name, importer name if known, weight, name and address of the slaughter house, date of slaughter, species and identification mark of the animal from which the meat was produced.

Then meat will be transferred in the freezing room at a temperature between -12°C and -18°C for at least 24 hours.

9. At the end of this process, meat shall be allowed to leave the cold room of the slaughterhouse and transferred by refrigerated truck calibrated at the temperature between minus 1°C and minus 5°C and these vehicles should undergo thorough verification by the veterinarian responsible for the slaughterhouse before meat is loaded inside. The meat will then be transported to the airport cold rooms set at a temperature between -12 and -18 °C where it shall be available at least 24 hours before shipment, for final inspection and certification.

10. Imodoka zikoreshwa mugutwara inyama zigomba kuba aricyo zagenenewe, kandi zikaba zifite isuku ihagije mbere y'uko zishyirwamo inyama. Igice cy'ikinyabiziga gitwarwamo inyama kigomba kubahiriza ibi bikurikira:

- Kuba gifunze hose, gishobora gufungika neza ndetse byakenerwa kikaba cyashyirwaho sile; gitandukanye n'ikizuru cy'imodoka, nta mukungugu, cyangwa udusimba dushobora kwinjiramo, kidashobora gutanga impumuro mbi;
- gikoze mubikoresho byoroshya isukura, kigaragaza ahari umwanda ku buryo bworoshye, kitinjirwamo n'amazi kandi gifite uburyo gisohora amazi mu gihe cy'isukura.
- gifite ibipimo by'ubukonje bikora neza ku buryo ubukonje bw'inyama butazamuka birenze 2°C mu gihe cy'itwarwa

11. Mugihe inyama zitwawe, ubishinzwe agomba kumenya neza ko igice gikonjesha cy'ikinyabiziga gikora neza kandi gifite ubukonje busabwa ndetse ibyo bipimo bikongera bigasuzumwa mbere y'uko zipakururwa zishyirwa ahabugenewe.

12. Ku kibuga cy'indege, inyama zisuzumwa bwanyuma n' Urwego rufite mu nshingano Ubugenzuzi no Gutanga Ibyangombwa ku Matungo n'Ibiyakomokaho kugirango zihabwe icyemezo cyiziherekeza. Icyo cyemezo ntigitangwa igihe bigaragaye ko inyama

10. Vehicles used to transport meat must be used exclusively for this purpose and must be clean at the point of loading.

The cargo space must fulfill the following:

- Totally enclosed, capable of being locked and if required, sealed. Completely separated from the driving cab; dust and vermin proof. Does not transmit odor or taste.
- Capable of withstanding repeated cleaning and sanitizing. Allow visible contamination to be easily seen. Waterproof and with a closable drainage outlet.
- Adequately insulated and/or mechanically refrigerated to ensure that the temperature of the meat does not rise more than 2°C during transportation.

11. During the transportation of meat the responsible personnel should make sure that vehicle refrigeration units are operating satisfactorily and the air temperature of the meat compartment should be monitored on arrival.

12. At the airport, meat shall be inspected and, if all export requirements are met, given the veterinary Health certificate by the Authority having Livestock Inspection and Certification in its responsibilities. Any meat found to be poorly packaged, foul smelling, showing any discoloration, oozing

<p>zipfunyitse nabi, zinuka, zahinduye ibara, zijojoba cyangwa zigaragaza ikindi cyose cyerekana ko zidafite ubuziranenge.</p> <p>13. Igihe inyama zigejejwe mu gihugu zoherejwemo, uruhushya rwo kuzinjiza kimwe n'icyemezo cyiziherecyeza byerekwa kandi bigasuzumwa n'ubuyobozi bw'imirimo y'ubuvuzi bw'amatungo y'icyo gihugu.</p>	<p>fluids etc., will not be issued a certificate and the consignment will be rejected.</p> <p>13. Upon arrival in the country of destination, the import permit and the accompanying veterinary health certificate are verified by the veterinary authorities of the importing country.</p>
--	---